**REPUBULIKA Y'URWANDA**
**KOMISIYOY'IGIHUGU Y'AMATORA**

Ref. Nº 429/NEC/2016

# ITANGAZO RIGENEWE ABANYARWANDA

## RIREBANA N'ISIMBURWA RY'ABADEPITE BATATU

**Komisiyo y'Igihugu y'Amatora,**

Ishingiye ku ngingo ya 78 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'U Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015, no ku ngingo ya 106 y'Itegeko Nº 27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora, nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Ishingiye ku ibaruwa yandikiwe na Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite, isaba gutangariza Abanyarwanda Abadepite basimbura Depite **NYIRASAFARI Espérance** na Depite **MURESHYANKWANO Marie Rose** bashinzwe indi mirimo itabangikanywa no kuba umudepite, na Depite **NYANDWI Joseph Desiré** witabye Imana;

Ishingiye kandi ku ilisiti y'Abakandida Depite y'Umuryango FPR-INKOTANYI mu matora y'Abadepite yo muri Nzeri 2013, no ku ibaruwa y'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR-Inkotanyi yo ku wa 26 Ukwakira 2016;

Itangarije Abanyarwanda ko Abadepite bavuzwe haruguru basimbuwe n'aba bakurikira:

1. **Bwana KARINIJABO Barthelemy;**
2. **Madamu MUKAMANA Elisabeth;**
3. **Bwana BITUNGURAMYE Diogene**.

Bikorewe i Kigali, ku wa 27/10/2016.

**Prof. KALISA MBANDA**
Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora